

<p><b>AMABWIRIZA N° 002/R/NS-NRP/RURA / 2020 YO KU WA 29/09/2020 AGENGA UMUTEKANO W'IBINTU BYIFITEMO IMIRASIRE YANGIZA MU GIHE CY'IKORWA, IKORESHA N'IHUNIKWA N'UW'INYUBAKO ZIBISHAMIKIYEHO MU RWANDA</b></p>	<p><b>REGULATION No. 002/R/NS-NRP/RURA/2020 OF 29/09/2020 GOVERNING SECURITY OF RADIOACTIVE MATERIALS DURING MANUFACTURING, USE AND STORAGE AND OF ASSOCIATED FACILITIES IN RWANDA</b></p>	<p><b>REGLEMENT N° 002/R/NS-NRP/RURA / 2020 DU 29/09/2020 REGISSANT LA SECURITE DES MATIERES RADIOACTIVES EN COURS DE PRODUCTION, D'UTILISATION ET D'ENTREPOSAGE ET DES INSTALLATIONS ASSOCIEES AU RWANDA</b></p>
---	--	---

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije</u></b></p>	<p><b><u>Article 1: Purpose of this Regulation</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Objet du présent Règlement</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Definitions of terms</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Définitions des termes</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya Mabwiriza</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Scope of application</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Champ d'application</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: INSHINGANO RUSANGE Z'UWAHAWA URUHUSHYA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: GENERAL RESPONSIBILITIES OF THE LICENSEE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II : RESPONSABILITES GENERALES DU TITULAIRE DE LICENCE</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Inshingano rusange z'uwahawe uruhushya</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: General responsibilities of the licensee</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Responsabilités générales du titulaire de licence</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ibarura , urutonde n'ibitabo</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Inventory and records</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Inventaire et registres</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Gufata neza no gusuzuma</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Maintenance and testing</u></b></p>	<p><b><u>Article 7 : Maintenance et essais</u></b></p>

**Ingingo ya 8: Igenzura**

**Article 8: Oversight mechanism**

**Article 8 : Mécanisme de contrôle**

**Ingingo ya 9: Kugaragaza ikibazo**

**Article 9: Event reporting**

**Article 9 : Signalement d'un événement**

**UMUTWE WA III: INGAMBA Z'UMUTEKANO KU BIREBANA N'IBINTU BIBYARA IMIRASIRE YANGIZA IGIHE BIKORESHWA MU NGANDA, IGIHE BIKORESHWA UBWABYO N'IGIHE BIRI MU BUBIKO**

**CHAPTER III: SECURITY MEASURES FOR RADIOACTIVE SOURCES DURING MANUFACTURING, USE AND STORAGE**

**CHAPITRE III : MESURES DE SÉCURITÉ POUR LES SOURCES RADIOACTIVES EN COURS DE FABRICATION, D'UTILISATION ET D'ENTREPOSAGE**

**Ingingo ya 10: Ingamba z'umutekano ku birebana n'ikintu cyifitemo imirasire yangiza kiri mu cyiciro cya 1**

**Article 10: Security measures for radioactive material in category 1**

**Article 10 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives de catégorie 1**

**Ingingo ya 11 : Ingamba z'umutekano ku birebana n'ibintu byifitemo imirasire yangiza biri mu cyiciro cya 2**

**Article 11: Security measures for radioactive materials in category 2**

**Article 11 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives de catégorie 2**

**Ingingo ya 12 : Ingamba z'umutekano ku birebana n'ibintu byifitemo imirasire yangiza biri mu cyiciro cya 3**

**Article 12: Security measures for radioactive materials in category 3**

**Article 12 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives de catégorie 3**

**Ingingo ya 13 : Ingamba z'umutekano ku birebana n'ibintu byifitemo imirasire yangiza biri mu byiciro bya 4 na 5**

**Article 13: Security measures for radioactive materials in category 4 and 5**

**Article 13 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives des catégories 4 et 5**

**Ingingo ya 14 : Gucunga umutekano w'ibintu byifitemo imirasire yangiza birebwa n'umutekano wo mu rwego A, B na C**

**Article 14: Security management for radioactive materials in security level A, B and C**

**Article 14 : Gestion de la sécurité des matières radioactives de niveau de sécurité A, B et C**

**Ingingo ya 15:** Ingamba z'inyongera z'umutekano ku birebana n'ibintu byifitemo imirasire yangiza byimukanwa n'ibigendanwa bikoreshwa mu nzego zitandukanye

**Ingingo ya 16:** Ingamba mu gihe cy'ukwiyongera kw'icyahungabanya umutekano

**UMUTWE WA IV: KWITA KU BINTU BYIFITEMO IMIRASIRE YANGIZA BYANDAGAYE CYANGWA IBINDI BINTU BYIFITEMO IMIRASIRE YANGIZA BIDASHOBORA KUGENZURWA BISANZWE AHANTU AHA N'AHA**

**Ingingo ya 17:** Inshingano zo kwita ku bintu byifitemo imirasire yangiza bidashobora kugenzurwa

**Ingingo ya 18:** Ingamba ku birebana no kwita ku bintu bibyara imirasire yangiza byandagaye

**Ingingo ya 19:** Inshingano za nyir'ahantu havugururirwa ibyuma bimaze igihe bikabyazamo ibindi bintu bishya n'ahakorerwa ibyuma

**Article 15:** Additional security measures for mobile and portable radioactive sources when used in the field

**Article 16:** Measures against increased security threat

**CHAPTER IV: HANDLING ORPHAN SOURCES OR OTHER MORC FOUND**

**Article 17:** Responsibilities for handling found materials out of regulatory control (MORC)

**Article 18:** Measures for handling orphan sources

**Article 19:** Responsibilities of the operator of a metal recycling and production facility

**Article 15:** Mesures de sécurité supplémentaires pour les sources radioactives mobiles et portables utilisées sur le terrain

**Article 16:** Mesures contre une menace accrue pour la sécurité

**CHAPITRE IV : MANIPULATION DE SOURCES ORPHELINES OU AUTRES MATIERES ECHAPPANT AU CONTROLE REGLEMENTAIRE TROUVÉES**

**Article 17:** Responsabilités en matière de manipulation de matières échappant au contrôle Règlementaire trouvées

**Article 18:** Mesures de manipulation des sources orphelines

**Article 19:** Responsabilités de l'exploitant d'une installation de recyclage et de production de métaux

<b><u>Ingingo ya 21:</u> Kutubahiriza ibikubiye muri aya Mabwiriza</b>	<b><u>Article 21:</u> Non-Compliance</b>	<b><u>Article 21 :</u> Violation</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Gutakamba</b>	<b><u>Article 22:</u> Appeal</b>	<b><u>Article 22 :</u> Recours</b>
<b>UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b>	<b>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Igihe cy'izibacyuho</b>	<b><u>Article 23:</u> Transitional period</b>	<b><u>Article 23 :</u> Période de transition</b>
<b><u>Ingingo ya 24 :</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza</b>	<b><u>Article 24:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 24 :</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 25 :</u> Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 25:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 25 :</u> Entrée en vigueur</b>

<p><b>AMABWIRIZA N° 002/R/NS-NRP/RURA / 2020 YO KU WA 29/09/2020 AGENGA UMUTEKANO W'IBINTU BYIFITEMO IMIRASIRE YANGIZA MU GIHE CY'IKORWA, IKORESHWA N'IHUNIKWA N'UW'INYUBAKO ZIBISHAMIKIYEHO MU RWANDA</b></p>	<p><b>REGULATION N° 002/R/NS-NRP/RURA/2020 OF 29/09/2020 GOVERNING SECURITY OF RADIOACTIVE MATERIALS DURING MANUFACTURING, USE AND STORAGE AND OF ASSOCIATED FACILITIES IN RWANDA</b></p>	<p><b>REGLEMENT N° 002/R/NS-NRP/RURA / 2020 DU 29/09/2020 REGISSANT LA SECURITE DES MATIERES RADIOACTIVES EN COURS DE PRODUCTION, D'UTILISATION ET D'ENTREPOSAGE ET DES INSTALLATIONS ASSOCIEES AU RWANDA</b></p>
--	---	---

**IRANGASHINGIRO**

**PREAMBLE**

**PREAMBULE**

Inama Ngenzuramikorere;

The Regulatory Board;

Le Conseil de Régulation ;

Ishingiye ku Itegeko N°09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo;

Pursuant to Law N° 09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organisation and functioning;

Vu la Loi n° 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l'Autorité rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation, et son fonctionnement ;

Ishingiye ku Itegeko N° 59/2017 ryo ku wa 24/1/2018 rigenga uburyo bwo kurinda ingaruka z'imirasire yangiza;

Pursuant to Law N°59/2017 of 24/1/2018 Governing Radiation Protection in Rwanda;

Vu la Loi n° 59/2017 du 24/1/2018 régissant la radioprotection au Rwanda ;

Ishingiye ku byemezo by'inama nyunguranabitekerezo yateranye ku wa 12 Kanama 2020 hamwe n'abafatanyabikorwa ku mutekano w'ibikoresho byifitemo imirasire yangiza mu Rwanda;

Considering deliberations from the consultative meeting held on 12 August 2020 with stakeholders on security of radioactive materials in Rwanda;

Considérant les délibérations de la réunion consultative tenue le 12 août 2020 avec les parties prenantes sur la sécurité des matières radioactives au Rwanda ;

Imaze kuyasuzuma no kuyafataho umwanzuro mu nama yayo yo ku wa 29 Nzeri 2020;

Upon due consideration and deliberation in its meeting of 29 September 2020;

Après examen et délibération en sa séance du 29 septembre 2020 ;

**ISHYIZEHO** Amabwiriza akurikira:

**HEREBY** issues the following regulation:

**EMET** le Règlement suivant :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza  
agamije**

**Article 1: Purpose of this Regulation**

**Article premier : Objet du présent  
Règlement**

Aya Mabwiriza agamije gushyiraho gahunda ngenzuramikorere igenga umutekano w'ibintu byifitemo imirasire yangiza, ibikorwa remezo n'ibikorwa bibishamikiyeho mu Rwanda.

The purpose of this Regulation is to establish regulatory requirements for the security of radioactive materials, associated facilities and associated activities in Rwanda.

L'objet du présent Règlement est d'établir des exigences réglementaires en matière de sécurité des matières radioactives, des installations et des activités associées au Rwanda.

Aya Mabwiriza ashiraho gahunda ngenzuramikorere igenga umutekano w'ibintu bibyara imirasire yangiza mu gihe cy'ikorwa, ikoreshwa n'ihunikwa ryabyo.

This Regulation establishes regulatory requirements for the security of radioactive sources during manufacturing, use and storage

Le présent Règlement établit les exigences réglementaires en matière de sécurité des sources radioactives en cours de production, d'utilisation et d'entreposage.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 2 : Définitions des termes**

Muri aya Mabwiriza, uretse aho biteganyijwe ukundi, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this regulation, unless there is anything repugnant in the subject or context, the following words shall mean:

Aux fins du présent Règlement, à moins que le contexte ou toute autre indication n'exige une interprétation différente, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **Urwego Ngenzuramikorere:** Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro;

1° **Regulatory Authority:** Rwanda Utilities Regulatory Authority;

1° **Autorité de Régulation :** Autorité rwandaise de régulation de certains services d'utilité publique

- 2° **isuzuma ry'amakuru:** igikorwa cyo kwemeza umwirondoro, amakuru y'uko umuntu atafunzwe / amakuru ku mutungo w'umuntu, imyitwarire ye, ibyo agamije, isuzuma ry'abamuzi n'amakuru ku mirimo yakoze hagamijwe kugaragaza ubwagamugayo bwe, imyifatire ye n'ikizere afitiwe;
- 2° **background checks:** a process which include confirmation of identity, financial/criminal record, moral conduct, motivation, verification of references, and employment history to determine the integrity, character and reliability of an individual;
- 2° **vérification des antécédents:** processus qui comprend la confirmation de l'identité, le casier judiciaire/informations financières, la conduite morale, la motivation, la vérification des références et les antécédents professionnels en vue de déterminer l'intégrité, le caractère et la fiabilité d'un individu;
- 3° **urugero ntarengwa:** igipimo cy'imikorere y'ikintu kibyara imirasire yangiza, ku buryo iyo kirenze, icyo kintu gifatwa nk'aho cyateza ibyago;
- 3° **D Value:** the activity of a radioactive source above which it is considered to be a dangerous source;
- 3° **Valeur D :** activité d'une source radioactive au-dessus de laquelle elle est considérée comme une source dangereuse ;
- 4° **ikerereza:** igikorwa cya sisitemu y'umutekano, kiba hagati yo kubona ikibazo no guhangana na cyo, cyagenewe kongera igihe nyiri umugambi mubisha yinjirira mu kintu kibyara imirasire yangiza;
- 4° **delay:** a function of security system, occurring between detection and response, designed to increase adversary's penetration time towards the radioactive source location(s);
- 4° **retardement:** fonction du système de sécurité, intervenant entre la détection et l'intervention, conçue pour augmenter le temps de pénétration de l'agresseur dans l'emplacement d'une source radioactive;
- 5° **itahura:** igikorwa cya sisitemu y'umutekano gitangira kigaragaza igikorwa gishobora kuba cyateza ibyago cyangwa kitemewe kikarangira gisuzuma impamvu y'intabaza;
- 5° **detection:** a function of security system that begins with sensing a potentially malicious or otherwise unauthorized act and that is completed with the assessment of the cause of the alarm;
- 5° **détection:** fonction du système de sécurité qui commence par la détection d'un acte potentiellement malveillant ou autrement non autorisé et qui se termine par l'évaluation de la cause d'alarme;
- 6° **uwahawe uruhushya:** umuntu ufite uruhushya rutangwa n'Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro;
- 6° **licensee:** the holder of a current license issued by the Regulatory Authority;
- 6° **titulaire de licence:** détenteur d'une licence délivré par l'Autorité de Régulation;

- 7° **MORC:** ibintu bibyara imirasire yangiza bidashobora kugenzurwa. Ni ibintu i byibwe, ii byabuze, iii byatawe, vi byazimiye, v byahererekanyijwe mu buryo butemewe, vi byahunitswe cyangwa byakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- 7° **MORC:** radioactive sources that are out of regulatory control. They are materials that have been: i Stolen; ii Lost; iii Abandoned; iv. Misplaced; v illegally transferred; vi Illegally stored, used;
- 7° **MORC:** sources radioactives non soumises à un contrôle réglementaire. Ce sont des matières qui ont été: i volées; ii perdues; iii abandonnées; iv. égarées; v transférées illégalement; vi stockées, utilisées illégalement ;
- 8° **Abakozi basanzwe:** abakozi bakora mu gikorwa remezo kibyara imirasire yangiza hemewe;
- 8° **operating personnel:** individual workers engaged in the operation of a licensed radiation facility;
- 8° **personnel d'exploitation:** travailleurs engagés dans l'exploitation d'une installation de rayonnement autorisée;
- 9° **gahunda y'ubwirinzi:** inyandiko itegurwa n'uwahawe uruhushya igasuzumwa n'Urwego Ngenzuramikorere, isobanura ingamba z'umutekano zashyizwe mu gikorwa remezo kibyara imirasire yangiza;
- 9° **physical protection plan:** a document prepared by the licensee and required to be reviewed by the Authority that presents a detailed description of the security arrangements in place at a facility;
- 9° **plan de protection physique:** document préparé par le titulaire de licence et devant être examiné par l'Autorité qui présente une description détaillée des dispositifs de sécurité en place dans une installation;
- 10° **ikintu kibyara imirasire yangiza:** ikintu kibyara imirasire yangiza gifungiranye ahantu mu buryo buhoraho cyangwa cyashyizwe ahantu mu buryo bukomeye;
- 10° **radioactive source:** (also called as sealed radioactive source) means radioactive material that is permanently sealed in a capsule or closely bonded, in a solid form;
- 10° **source radioactive:** (également appelée source radioactive scellée) désigne une matière radioactive qui est enfermée de manière permanente dans une capsule ou fixée sous forme solide;
- 11° **abakozi bashinzwe guhangana n'ingaruka:** abantu bakora mu gikorwa remezo cyangwa hanze yacyo bafite ibikoresho kandi bahuguriwe guhangana n'igikorwa cyo gukuraho ikintu kibyara imirasire yangiza mu buryo butemewe cyangwa igikorwa gihungabanya;
- 11° **response personnel:** persons, on-site or off-site, who are appropriately equipped and trained to counter an attempted unauthorized removal of radioactive source(s) or an act of sabotage;
- 11° **personnel d'intervention:** personnes, sur place ou hors site, qui sont dûment équipées et formées pour contrer une tentative de retrait non autorisé de source (s) radioactive (s) ou un acte de sabotage;



- 12° **igikorwa gihungabanya:** igikorwa gikozwe ku bushake kigakorerwa ikintu kibyara imirasire yangiza mu gihe cy'ikoreshwa, ihunikwa n'itwarwa byacyo, kikaba cyateza ibyago, mu buyo buziguye cyangwa butaziguye, ubuzima n'umutekano by'abakozi, abaturage n'ibidukikije, mu kubategeza imirasire yangiza cyangwa kubarekuriraho ibintu byifitemo imirasire yangiza;
- 12° **sabotage:** a deliberate act directed against a radioactive source in use, storage or transport that could directly or indirectly endanger the health and safety of personnel, the public or the environment by exposure to radiation or release of radioactive material;
- 12° **sabotage:** acte délibéré dirigé contre une source radioactive lors de l'utilisation, de l'entreposage ou du transport qui pourrait mettre en danger directement ou indirectement la santé et la sécurité du personnel, du public ou de l'environnement, par exposition aux rayonnements ou libération de matières radioactives;
- 13° **ahantu hakumiriye:** ahantu hari ibintu bibyara imirasire yangiza hakaba hagerwa gusa n'abakozi babyemerewe kandi hakagenzurwa ku mpamvu z'umutekano;
- 13° **ecured area:** designated area containing radioactive source to which access is limited to authorized personnel only and controlled for security purposes;
- 13° **zone sécurisée:** zone désignée renfermant une source radioactive à laquelle l'accès est limité au personnel autorisé uniquement et contrôlée à des fins de sécurité;
- 14° **umutekano:** ingamba zigamije gukumira abashobora kugera mu buryo butemewe ku kintu kibyara imirasire yangiza, cyangwa kubuza ko cyakwangizwa, cyatakara, cyakwibwa cyangwa cyahererekanywa mu buryo butemewe;
- 14° **security:** measures to prevent unauthorized access or damage to, and loss, theft or unauthorized transfer of, radioactive sources;
- 14° **sécurité:** mesures destinées à empêcher l'accès non autorisé à des sources radioactives, ou leurs dommages, leur perte, leur vol ou bien leur transfert non autorisés;
- 15° **umuco wo kurinda umutekano:** urwunge rw'imyitwarire n'imyifatire by'abantu, imiryango n'inzego bitanga uburyo bwo gushyigikira, kongera no kwimakaza umutekano;
- 15° **security culture:** means the assembly of characteristics, attitudes and behaviours of individuals, organization and institutions that serve as a means to support and enhance the security;
- 15° **culture de sécurité:** ensemble de caractéristiques, d'attitudes et de comportements chez des individus et dans des organismes et établissements qui offrent un moyen de soutenir, de renforcer et de maintenir la sécurité;

- 16° **ibigo by’umutekano:** umuryango/ikigo gikora ibijyanye n’umutekano w’ibikorwa remezo byifitemo imirasire yangiza;
- 16° **security elements:** an organization/ establishment having its role in the security of radiation facilities;
- 16° **éléments de sécurité:** organisation/ établissement œuvrant dans la sécurité des installations de rayonnements;
- 17° **ikibazo cy’umutekano:** ikintu gishobora kugira ingaruka ku mutekano kandi kikaba kigomba gukumirwa;
- 17° **security event:** an event that has potential or actual implications for security that must be addressed;
- 17° **événement de sécurité:** événement ayant des incidences potentielles ou effectives sur la sécurité auquel il faut faire face;
- 18° **igipimo cy’umutekano:** igipimo cy’irindwa ry’umutekano w’ibintu bibyara imirasire yangiza hagamijwe kugaragaza ibipimo ngenderwaho mu by’umutekano ugereranyije n’intego igamijwe;
- 18° **Security level:** protection level for security of radioactive sources, based on graded approach, for determination of security system specifications with respect to corresponding goal;
- 18° **niveau de sécurité:** niveau de protection de la sécurité des sources radioactives, basé sur une approche graduée, pour la détermination des spécifications du système de sécurité par rapport à l’objectif correspondant;
- 19° **icunga ry’umutekano:** amabwiriza, politiki, inyandiko, gahunda n’uburyo buhagije (abakozi n’amafaranga) byagenewe umutekano w’ibintu bibyara imirasire yangiza;
- 19° **security management:** procedures, policies, records, plans and adequate resources (human and financial) for the security of radioactive sources;
- 19° **gestion de la sécurité:** procédures, politiques, dossiers, plans et ressources adéquates (humaines et financières) pour la sécurité des sources radioactives;
- 20° **abakozi b’umutekano:** abantu bemerewe cyangwa bafite ububasha mu bijyanye n’umutekano werekeye igenzura, ikurikirana, isuzuma n’iherekeza ry’abantu cyangwa igenzura ry’ahantu no mu bijyanye no gutanga igisubizo cyihutirwa;
- 20° **security personnel:** is an authorized and security cleared person who is responsible for security relating to patrolling, monitoring, assessing or escorting any individuals or transport or controlling access and providing initial response;
- 20° **personnel de sécurité:** personne autorisée et habilitée qui est responsable de la sécurité relative à la patrouille, à la surveillance, à l’évaluation ou à l’escorte d’individus ou au transport ou au contrôle d’accès et à l’apport de premières interventions;
- 21° **sisitemu y’umutekano:** urwunge rw’ingamba z’umutekano;
- 21° **security system:** an integrated set of security measures;
- 21° **système de sécurité:** ensemble intégré de mesures de sécurité;

- 22° **amakuru y’ingenzi:** amakuru ayo ari yo yose arimo na porogaramu za mudasobwa ku buryo kuyatanga, kuyahindura, kuyangiza mu buryo butemewe n’amategeko cyangwa kwanga kuyakoresha byabangamira umutekano;
- 22° **sensitive information:** information, in whatever form, including software, the unauthorized disclosure, modification, alteration, destruction, or denial of use of which could compromise security;
- 22° **information sensible:** information, sous quelque forme que ce soit, y compris les logiciels, dont la divulgation, la modification, l’altération, la destruction, ou le refus d’utilisation non autorisés pourrait compromettre la sécurité;
- 23° **ahari ikintu kibyara imirasire yangiza:** ahantu haherereye ikintu kibyara imirasire yangiza kiri imbere mu gice gikumiriye;
- 23° **source location:** a position of radioactive source inside the secured area;
- 23° **emplacement de la source:** position de la source radioactive à l’intérieur de la zone sécurisée;
- 24° **ihunika:** gushyira mu gikorwa remezo ibintu bibyara imirasire yangiza hagamijwe kuzabikoresha;
- 24° **storage:** the holding of radioactive sources in a facility that provides for their containment with the intention of retrieval;
- 24° **entreposage:** détention de sources radioactives dans une installation qui en assure le confinement, dans l’intention de les récupérer;
- 25° **icyahungabanya umutekano :** umuntu cyangwa itsinda ry’abantu bafite intego n’ubushobozi byo gukora igikorwa cyateza ibyago;
- 25° **threat:** an individual or group of individuals with intention and capability to commit a malicious act;
- 25° **menace:** personne ou groupe de personnes ayant l’intention et la capacité de commettre un acte malveillant;
- 26° **ivanwaho ritemewe:** kwiba cyangwa kuvanaho ibintu bibyara imirasire yangiza mu buryo butemewe n’amategeko;
- 26° **unauthorized removal:** theft or other unlawful taking of radioactive sources; and
- 26° **enlèvement non autorisé:** vol ou autre prise illégale de sources radioactives; et
- 27° **ikintu kibyara imirasire yangiza kidafungiranye:** ikintu kibyara imirasire yangiza kitujuje ibikubiye mu gisobanuro cy’ikintu kibyara imirasire gifungiranye.
- 27° **unsealed radioactive source:** a radioactive source that does not meet the definition of a sealed radioactive source.
- 27° **source radioactive non scellée:** source radioactive qui ne répond pas à la définition d’une source radioactive scellée.

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya Mabwiriza**

Aya Mabwiriza areba ibintu byose byifitemo imirasire yangiza mu gihe cy'ikorwa, ikoreshwa n'ihunikwa ryabyo, ibikorwa remezo n'ibindi bikorwa bibishamikiyeho ndetse n'ibintu bidashobora kugenzurwa mu Rwanda.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO  
RUSANGE Z'UWAHAWA URUHUSHYA**

**Ingingo ya 4: Inshingano rusange  
z'uwahawe uruhushya**

Uwahawe uruhushya afite inshingano y'ingenzi ikurikira:

- i) gucunga umutekano w'ibintu bibyara imirasire yangiza yaherewe uruhushya hashingiwe ku biteganywa n'aya Mabwiriza, ku bikubiye mu ruhushya cyangwa ku bindi byose byasabwa n'Urwego igihe icyo ari cyo cyose;
- ii) gushyiraho uburyo buhuza ibijyanye n'uburinzi n'umutekano kugira ngo bitarogoyana ahubwo byuzuzanye mu buryo bwose bushoboka;

**Article 3: Scope of application**

This Regulation shall apply to all radioactive materials during manufacturing, use and storage and associated facilities and activities as well as materials out of regulatory control in Rwanda.

**CHAPTER II: GENERAL  
RESPONSIBILITIES OF THE  
LICENSEE**

**Article 4: General responsibilities of the licensee**

The licensee shall have the following prime responsibility:

- i) To ensure the security of radioactive sources, for which he is licensed, in compliance with the requirements of this regulation, conditions of the license, or any additional requirements imposed by the Authority from time to time;
- ii) To establish the safety and security interface to ensure that they do not adversely affect each other and that, to the degree possible, they are mutually supportive;

**Article 3: Champ d'application**

Le présent Règlement s'applique à toutes les matières radioactives en cours de production, d'utilisation et d'entreposage et aux installations et activités associées ainsi qu'aux matières hors contrôle réglementaire au Rwanda.

**CHAPITRE II: RESPONSABILITES  
GENERALES DU TITULAIRE DE  
LICENCE**

**Article 4: Responsabilités générales du titulaire de licence**

Le titulaire de licence a la responsabilité principale suivante :

- i) assurer la sécurité des sources radioactives, pour lesquelles il est autorisé, conformément aux exigences du présent Règlement, aux conditions de la licence ou à toute exigence supplémentaire imposée par l'Autorité de temps à autre;
- ii) établir l'interface de sûreté et de sécurité pour s'assurer qu'ils ne se perturbent pas mutuellement et que, dans la mesure du possible, ils se complètent mutuellement;

iii) gukora ku buryo abakozi babyemerewe kandi babihuguriwe mu buryo buhagije baba ari bo bakora inshingano n'imirimo bisabwa;	iii) To ensure that only authorized and adequately trained personnel are permitted to fulfil required assignments and tasks;	iii) faire en sorte que seul le personnel autorisé et suffisamment formé soit autorisé à s'acquitter des missions et tâches requises;
iv) gukorana no gufatanya n'imiryango ikora mu bijyanye no guhangana n'ibibazo bifitanye isano n'umutekano w'ibintu bibyara imirasire yangiza;	iv) To cooperate and coordinate with relevant organizations having their role in response to contingencies related to security of radioactive sources;	iv) coopérer et assurer la coordination avec les organisations compétentes ayant un rôle d'intervention aux imprévus liés à la sécurité des sources radioactives;
v) gukora ku buryo sisitemu n'ibikoresho byifashishwa mu bijyanye n'umutekano bikora imirimo byashyiriweho;	v) To ensure that the installed security systems and components are appropriate and fulfil their intended functions;	v) faire en sorte que les systèmes et composants de sécurité installés soient appropriés et remplissent les fonctions prévues;
vi) gukora ku buryo umuco wo kurinda umutekano mu buryo buhoraho kandi buhamye uba ihame mu nzego zose z'ubuyobozi n'iz'abakozi;	vi) To ensure that a dynamic and effective security culture exists at all levels of management and relevant staff;	vi) faire en sorte qu'une culture de sécurité dynamique et efficace existe à tous les niveaux de direction et du personnel concerné;
vii) gukora ku buryo ibintu bibyara imirasire yangiza ashinzwe gucunga bibikwa ahantu hatekanye kandi ko bidahererekanywa keretse mu gihe ubihabwa afite uruhushya rwemewe rutangwa n'Urwego;	vii) To ensure that the radioactive sources under their responsibility are kept secure and not transferred unless the receiver possesses a valid license or authorization from the Authority;	vii) faire en sorte que les sources radioactives sous sa responsabilité soient gardées en lieu sûr et ne soient transférées que si le récepteur possède une licence ou une autorisation valide de l'Autorité;
viii) kugaragaza no kubika amakuru y'ingenzi, harimo gahunda y'ubwirinzi n'inyandiko ziyishamikiyeho ndetse no	viii) To ensure identification, classification and protection of security sensitive information including physical protection plan	viii) assurer l'identification, la classification et la protection de l'information sensible, y compris le plan de

kuyarinda ko yatangazwa mu buryo butemewe n'amategeko;

and related records against unauthorized disclosure;

protection physique et les dossiers associés contre toute divulgation non autorisée;

ix) gukora mu buryo buhoraho isuzuma ry'ahashobora kwibasirwa buri mezi 6 no gushyira mu bikorwa ingamba z'umutekano z'inyongera bibaye ngombwa;

ix) To regularly conduct vulnerability assessment each 6 months' period, and implement additional security measures, if required;

ix) procéder régulièrement à une évaluation de la vulnérabilité tous les 6 mois et mettre en œuvre des mesures de sécurité supplémentaires, si nécessaire;

x) kwemerera buri gihe abahagarariye Urwego Ngenzuramikorere kugera mu nyubako no mu bikorwa remezo birimo ibintu byifitemo imirasire yangiza kugira ngo bigenzurwe no gukorana mu buryo bwose n'Urwego Ngenzuramikorere igihe rukora inshingano zarwo.

x) To at all-time grant representatives of the Regulatory Authority access to premises and facilities in which radioactive materials are located for inspection and be corporative in all ways with the Regulatory Authority in fulfilment of its mandate.

x) accorder à tout moment aux représentants de l'Autorité de Régulation l'accès aux locaux et installations dans lesquels se trouvent des matières radioactives pour inspection et coopérer de toutes les façons avec l'Autorité de Régulation dans l'accomplissement de sa mission.

### **Ingingo ya 6: Ibarura , urutonde n'ibitabo**

### **Article 6: Inventory and records**

### **Article 6 : Inventaire et registres**

Uwahawe uruhushya ashya mu byiciro ibintu bibyara imirasire yangiza ashinzwe gucunga akanagaragaza umutekano byahawe, hashingiwe ku biteganywa mu mugereka I w'aya Mabwiriza.

The licensee shall categorize the radioactive sources for which he is responsible and determine their corresponding security level, based on the criteria given in Schedule-I of this regulation.

Le titulaire de licence doit catégoriser les sources radioactives dont il est responsable et déterminer leur niveau de sécurité correspondant, en fonction des critères donnés à l'Annexe I du présent Règlement.

Ku bijyanye n'urutonde n'ibitabo, uwahawe uruhushya afite inshingano zikurikira:

With regard to the inventory and records, the licensee shall have the following responsibilities:

En ce qui concerne l'inventaire et les registres, le titulaire de licence a les responsabilités suivantes :

- |  |   |  |
|--|---|--|
| <p>1. gutegura, kubika no kuvugurura igitabo cy'ibintu bibyara imirasire yangiza ashinzwe no koherereza urutonde Urwego Ngenzuramikorere buri mezi atatu ku cyiciro cya 1 na buri mezi atandatu ku byiciro bisigaye cyangwa igihe cyose Urwego Ngenzuramikorere rusanze ari ngombwa;</p> <p>2. gushyiraho, kubika no kuvugurura ibitabo by'iyakira, iyohereza, itwara, ivanwaho, isuzuma n'ibindi, ry'ibintu bibyara imirasire yangiza;</p> <p>3. gukora, kubika no kuvugurura urutonde rw'ibice byose bigize sisitemu y'umutekano yashyizweho, igihe bishoboka;</p> <p>4. guha Urwego Ngenzuramikorere raporo ikubiyemo urutonde buri mezi atatu cyangwa igihe cyose bisabwe n'Urwego Ngenzuramikorere.</p> | <p>1. To develop, maintain and update the register of radioactive sources for which he is responsible and submit the inventory to the Regulatory Authority on quarterly basis for Category 1 and biannually for remaining categories of sources or any time deemed fit by the Regulatory Authority;</p> <p>2. To establish, maintain and update records of receipt, transfer, transportation, disposal, physical verification etc. of radioactive sources;</p> <p>3. To establish, maintain and update inventory of all the components of installed security system, where applicable;</p> <p>4. To avail the Regulatory Authority with an inventory report on a quarterly basis or at any time upon request of the Regulatory Authority.</p> | <p>1. développer, maintenir et mettre à jour le registre des sources radioactives dont il est responsable et soumettre l'inventaire à l'Autorité de Régulation trimestriellement pour la catégorie 1 et semestriellement pour les autres catégories de sources ou à tout moment jugé approprié par l'Autorité de Régulation;</p> <p>2. établir, maintenir et mettre à jour les registres de réception, de transfert, de transport, d'élimination, de vérification physique, etc. des sources radioactives;</p> <p>3. établir, maintenir et mettre à jour l'inventaire de tous les composants du système de sécurité installé, le cas échéant;</p> <p>4. fournir à l'Autorité de Régulation un rapport d'inventaire sur une base trimestrielle ou à tout moment à la demande de l'autorité de régulation.</p> |
|--|---|--|

Urwego Ngenzuramikorere rwemerewe buri gihe kugera mu nyubako no kubona ibitabo by'uwahawe uruhushya.

The Regulatory Authority shall have unlimited access to the licensees' premises and inventory at all times.

L'Autorité de Régulation a à tout moment un accès illimité aux locaux et à l'inventaire des titulaires de licence.

**Ingingo ya 7: Gufata neza no gusuzuma**

**Article 7: Maintenance and testing**

**Article 7 : Maintenance et essais**

Ku bijyanye no gufata neza no gusuzuma, uwahawe uruhushya agomba:

In terms of maintenance and testing, the licensee shall:

En termes de maintenance et d'essais, le titulaire de licence doit :

- |   |   |  |
|---|---|--|
| <p>a) gukora ku buryo sisitemu z’umutekano zifatwa neza. Mu gihe sisitemu z’umutekano zitagikoreshwa, uwahawe uruhushya agomba kugaragaza izindi ngamba zizisimbura kugera icyo gihe;</p> | <p>a) Ensure that security systems and components are maintained in operable condition. In case the security system(s) is taken out of service, the licensee shall provide equivalent level of compensatory measures until such time;</p> | <p>a) faire en sorte que les systèmes et composants de sécurité soient maintenus en état de fonctionnement. En cas de mise hors service du (des) système (s) de sécurité, le titulaire de licence doit garantir un niveau équivalent de mesures compensatoires jusqu’à ce moment ;</p> |
| <p>b) gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda n’amabwiriza bigamije gufata neza no gusuzuma sisitemu z’umutekano;</p>   | <p>b) develop and implement plans and procedures for maintenance and testing of security systems;</p>   | <p>b) élaborer et mettre en œuvre des plans et des procédures pour la maintenance et l’essai des systèmes de sécurité;</p>   |
| <p>c) gukora no kubika inyandiko zose zerekeye gufata neza no kugerageza sisitemu z’umutekano zashyizweho n’ibice byazo.</p>  | <p>c) Establish and maintain all records related to maintenance and testing of installed security systems and components.</p>   | <p>c) établir et garder tous les dossiers relatifs à la maintenance et aux essais des systèmes et composants de sécurité installés.</p>  |

**Ingingo ya 8: Igenzura**

Ku bijyanye n’igenzura, uwahawe uruhushya akora isuzuma rya sisitemu y’umutekano buri mezi atandatu hagamijwe kugaragaza ko sisitemu y’umutekano ikomeye, raporo y’iryo suzuma igashyikirizwa Urwego Ngenzuramikorere.

**Ingingo ya 9: Kugaragaza ikibazo**

Iyo habaye ikibazo kijyanye no kudashobora gucunga ikintu kibyara imirasire yangiza, kwangirika kwacyo, kugiherekanya/kukigeraho mu buryo butemewe, kucyiba

**Article 8: Oversight mechanism**

For the Oversight Mechanism; the licensee shall conduct assessment/evaluation of the security system on a six months’ periodic basis to ensure the effectiveness of the security system and reports of these assessments/evaluations shall be submitted to the Regulatory Authority.

**Article 9: Event reporting**

Whenever an event involving the loss of control of, damage to, unauthorized transfer/access to, actual or attempted theft or

**Article 8: Mécanisme de contrôle**

Concernant le mécanisme de surveillance, le titulaire de licence procède à une évaluation du système de sécurité sur une base périodique de six mois afin de garantir l’efficacité du système de sécurité et des rapports sur ces évaluations sont soumis à l’Autorité de Régulation.

**Article 9: Signalement d’un événement**

Chaque fois que se produit un événement impliquant la perte de contrôle ou l’endommagement, le transfert/l’accès non autorisé, le vol ou tentative de vol ou le



cyangwa kugerageza kucyiba cyangwa sabotage of a radioactive source has occurred, sabotage d'une source radioactive, le titulaire kugihungabanya, uwahawe uruhushya the licensee shall: de licence doit :

- |  |  |  |
|--|--|--|
| <p>(a) guhita afata ingamba zigikosora no kubimenyesha Urwego Ngenzuramikorere inzego z'umutekano n'izindi nzeho zibifitiye ububasha;</p>  | <p>(a) Take immediate remedial actions and inform the Regulatory Authority, the security organs and or any relevant organs;</p>  | <p>(a) prendre des mesures correctives immédiates et informer l'Autorité de Régulation, les organes de sécurité et/ou tout organe compétent;</p>   |
| <p>(b) kubimenyesha Urwego Ngenzuramikorere mu masaha makumyabiri n'ane (24);</p>  | <p>(b) Within twenty-four (24) hours, update the Regulatory Authority;</p>   | <p>(b) dans les vingt-quatre (24) heures, mettre à jour l'autorité de régulation;</p>  |
| <p>(c) koherereza Urwego Ngenzuramikorere raporo y'ibanze mu masaha mirongo irindwi n'abiri (72);</p>  | <p>(c) Within seventy-two (72) hours, submit a preliminary report to the Regulatory Authority;</p>   | <p>(c) dans les soixante-douze (72) heures, soumettre un rapport préliminaire à l'Autorité de Régulation;</p>  |
| <p>(d) koherereza Urwego Ngenzuramikorere raporo irambuye ku mpamvu zateye ikibazo, uburyo cyabayemo n'ingaruka zacyo, no ku ngamba zigikosora zafashwe cyangwa zigomba gufatwa.</p> | <p>(d) Within Thirty (30) days, submit a detailed report to the Regulatory Authority on the causes of the event, its circumstances and consequences, and on the corrective actions taken or to be taken.</p> | <p>(d) dans les trente (30) jours, soumettre un rapport détaillé à l'Autorité de Régulation sur les causes de l'événement, ses circonstances et ses conséquences, ainsi que sur les mesures correctives prises ou à prendre.</p> |

<p>Mu gihe hari icyahungabanya umutekano iki n'iki ku birebana n'umutekano w'ibintu bibyara imirasire yangiza, uwahawe uruhushya ahita afata ingamba zivugwa mu Mutwe wa 2 w'aya Mabwiriza, akabimenyesha Urwego Ngenzuramikorere.</p>	<p>In case of any specific threat to the security of radioactive sources, the licensee shall immediately take measures as specified in Chapter 2 of this Regulation and inform the Regulatory Authority.</p>	<p>En cas de menace spécifique à la sécurité des sources radioactives, le titulaire de licence prend immédiatement les mesures spécifiées au Chapitre 2 du présent Règlement et en informe l'Autorité de Régulation.</p>
--	--	--

**UMUTWE WA III: INGAMBA Z'UMUTEKANO KU BIREBANA N'IBINTU BIBYARA IMIRASIRE YANGIZA IGIHE BIKORESHA MU NGANDA, IGIHE BIKORESHA UBWABYO N'IGIHE BIRI MU BUBIKO**

**CHAPTER III: SECURITY MEASURES FOR RADIOACTIVE SOURCES DURING MANUFACTURING, USE AND STORAGE**

**CHAPITRE III : MESURES DE SÉCURITÉ POUR LES SOURCES RADIOACTIVES EN COURS DE FABRICATION, D'UTILISATION ET D'ENTREPOSAGE**

**Ingingo ya 10: Ingamba z'umutekano ku birebana n'ikintu cyifitemo imirasire yangiza kiri mu cyiciro cya 1**

**Article 10: Security measures for radioactive material in category 1**

**Article 10 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives de catégorie 1**

Mu rwego rwo gukumira ivanwaho ritemewe ry'ibintu byifitemo imirasire yangiza, uwahawe uruhushya agira uburyo butandukanye bumufasha gutahura no gukereza ibyo bintu byifitemo imirasire no guhangana na byo ku buryo bukurikira:

In order to prevent the unauthorized removal of radioactive materials, the licensee shall avail systems that warrant detection, delay and response as follows:

Pour empêcher l'enlèvement non autorisé de matières radioactives, le titulaire de licence dispose de systèmes qui garantissent la détection, le retard et la réponse comme suit :

**a) Gutahura;**

**a) Detection;**

**a) Détection;**

Uwahawe uruhushya agira uburyo butandukanye bumworohereza :

The licensee shall avail systems that facilitate:

Le titulaire de licence dispose de systèmes qui facilitent :

- i. gutahura ako kanya umuntu ugeze ahantu hakumiriye atabyemerewe kandi ibyo akabimenya hifashishijwe uburyo koranabuhanga bwo gutahura uwinjiye aho atemerewe;

- i. Immediate detection of any unauthorized access to the secured area by the use of electronic intrusion detection system;

- i. la détection immédiate de tout accès non autorisé à la zone sécurisée par l'utilisation d'un système électronique de détection des intrusions ;

- ii. gukora igenzura ku byiciro byose hagamijwe gukumira ko abakorana na

- ii. Surveillance at different levels to curb deliberate intrusion by insiders;

- ii. la surveillance à différents niveaux afin de limiter les intrusions délibérées par des initiés ;

we binjira aho hantu ku buryo butemewe babigambiriye;

- |  |  |   |
|--|--|---|
| iii. gutahura vuba igikorwa icyo ari cyo cyose cyo kugerageza kuvanaho ku buryo butemewe ibintu bibyara imirasire yangiza kandi iryo tahura rigakorwa hifashishijwe kamera zifashishwa mu gucunga umutekano zifasha gukurikirana no kumenya igikorwa cy'ihungabanya kibereye aho ziri (CCTV), uburyo bwo kwifunga cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bigaragara ko bukwiye; | iii. Immediate detection of any attempted unauthorized removal of the sources, by the use of electronic tamper detection device CCTV, interlock system or any other method deemed fit; | iii. la détection immédiate de toute tentative d'enlèvement non autorisé des sources, par l'utilisation d'un dispositif électronique de détection de sabotage CCTV, d'un système de verrouillage ou de toute autre méthode jugée appropriée ; |
| iv. gusesengura ku buryo bwihuse icyatahuwe hifashishijwe kamera zifashishwa mu gucunga umutekano zifasha gukurikirana no kumenya igikorwa kibi kibereye aho ziri (CCTV) cyangwa hifashishijwe abakozi bashinzwe ibyo bintu cyangwa/ ndetse n'abashinzwe umutekano, igihe ari ngombwa;   | iv. Immediate assessment of detection by the use of CCTV or by operating and/or security personnel, as applicable;   | iv. l'évaluation immédiate de la détection par l'utilisation de la télévision en circuit fermé (CCTV) ou par le personnel d'exploitation et/ou de sécurité, selon le cas ;  |
| v. kumenyesha ku buryo bwihuse abakozi bitabashinzwe guhangana n'ikibazo kivitse hifashishijwe uburyo bwo kubamenyesha bwihuse, bwizewe kandi butandukanye;  | v. Immediate communication to response personnel through rapid, dependable and diverse means of communication;   | v. la communication immédiate au personnel d'intervention par des moyens de communication rapides, fiables et diversifiés ;   |

vi. kwizeraho ibintu byifitemo imirasire yangiza biri aho bigomba kuba biri yifashishije igenzura ry'aho biri rikorwa buri byumweru bibiri.

**b) Ikerereza**

Uwahawe uruhushya ashiraho uburyo butandukanye bufasha gukoreza ku buryo buhagije kugira ngo abakozi bashinzwe guhangana n'ikibazo kivutse bakome imbere ikurwaho ritemewe ry'ibyo bintu hifashishijwe uburyo bufite nibura inzitizi z'ibice bibiri bikurikiranye.

**c) Kugoboka nyuma yo kwitabazwa;**

Uwahawe uruhushya agira uburyo butandukanye bumworohera guhita atabara nyuma y'isesengura ry'intabaza ibaye akaba afite ibikoresho n'ubushobozi bihagije akoresha mu gukoma imbere no kuburizamo nyir'umugambi mubisha hakurikijwe gahunda y'umutekano yemejwe.

Nyir'ibikorwa amenyesha inzego z'umutekano n'Urwego Ngenzuramikorere ikibazo cy'umutekano kivutse ku birebana n'imirasire yangiza kandi ibyo akabikora ikibazo kikimara kuvuka.

vi. Presence of radioactive materials through physical verification by fortnightly check(s).

**b) Delay;**

The licensee shall establish systems that allow sufficient delay, for response personnel to interrupt the unauthorized removal, through a system of at least two layers of barriers.

**c) Response;**

The licensee shall avail systems that facilitate immediate response to the assessed alarm with sufficient resources and capabilities to interrupt and neutralize the adversary in accordance with the approved security plan.

The operator shall inform the security organs and the Regulatory Authority of the nuclear security event with immediate effect.

vi. la présence de matières radioactives par le biais d'une vérification physique par contrôle(s) bimensuel(s).

**b) Retardement;**

Le titulaire de licence met en place des systèmes permettant un retardement suffisant pour permettre au personnel d'intervention d'interrompre l'enlèvement non autorisé, grâce à un système composé d'au moins deux niveaux de barrières.

**c) Intervention;**

Le titulaire de licence dispose de systèmes qui facilitent une intervention immédiate en cas d'alarme évaluée, avec suffisamment de ressources et des pour interrompre et neutraliser l'agresseur conformément au plan de sécurité approuvé.

L'exploitant informe les organes de sécurité et l'Autorité de Régulation de l'événement de sécurité nucléaire avec effet immédiat.

**d) Igenzurwa ry’ahinjirwa**

Uwahawe uruhushya agira uburyo butandukanye bumworohera mu gukora igenzura ry’ahinjirwa hari ibintu byifitemo imirasire ibyo bigakorwa hagarahazwa umwirondoro w’abahinjira no kubakorera igenzura kugira ngo hinjirwe gusa n’ababifitiye uburenganzira gusa hatabayeho kwibeshya.

**Ingingo ya 11 : Ingamba z’umutekano ku birebana n’ibintu byifitemo imirasire yangiza biri mu cyiciro cya 2**

Mu rwego rwo kugabanya ibyatuma habaho gukuraho ku buryo butemewe ibintu byifitemo imirasire, uwahawe uruhushya akora ibi bikurikira:

**a) Itahura;**

Uwahawe uruhushya agomba agira uburyo butandukanye bumworohera:

- i. guhita atahura umuntu winjiye ahantu hakumiye ibyo akabimenya yifashishije uburyo koranabuhanga bwo gutahura uwinjiye aho atemerewe cyangwa yifashishije abakozi

**d) Access control;**

The licensee shall avail systems that facilitate the provision of access control to the radioactive material location through identification and verification that effectively restricts access to authorized persons only.

**Article 11: Security measures for radioactive materials in category 2**

In order to minimize the likelihood of unauthorized removal of radioactive materials, the licensee shall ensure:

**a) Detection;**

The license shall avail systems that facilitate:

- i. Immediate detection of any unauthorized access to the secured area by the use of electronic intrusion detection system or by operating personnel. In case, intrusion detection

**d) Contrôle de l’accès;**

Le titulaire de l’autorisation disposer de systèmes qui facilitent le contrôle de l’accès à l’emplacement des matières radioactives par une identification qui limite effectivement l’accès aux seules personnes autorisées.

**Article 11 : Mesures de sécurité pour les matières radioactives de catégorie 2**

Pour réduire au minimum la probabilité d’un enlèvement non autorisé de matières radioactives, le titulaire de la licence doit garantir ce qui suit :

**a) Détection;**

Le titulaire de licence prévoit les systèmes qui facilitent :

- i. la détection immédiate de tout accès non autorisé à la zone sécurisée par l’utilisation d’un système électronique de détection d’intrusion ou par le personnel d’exploitation. Si le système

